

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/11.30 RYO KU WA 11/04/2017 RIGENA IBISABWA UMUNTU KUGIRA NGO AHABWE URUHUSHYA RWO KWINJIZA MU GIHUGU NO KOHEREZA MU MAHANGA IMBUTO

MINISTERIAL ORDER N° 007/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR A PERSON TO BE GRANTED A LICENSE FOR IMPORTING AND EXPORTING SEEDS

ARRETE MINISTERIEL N° 007/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR QU'UNE PERSONNE SOIT OCTROYEE UNE LICENCE D'IMPORTATION ET D'EXPORTATION DE SEMENCES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisabwa kugira ngo hinjizwe imbuto mu gihugu

Article 2: Requirements for the importation of seeds

Article 2: Conditions requises pour l'importation de semences

Ingingo ya 3: Uburyo bwo kwinjiza imbuto mu gihugu

Article 3: Modalities for the importation of seeds

Article 3: Modalités d'importation de semences

Ingingo ya 4: Ibisabwa kugira ngo imbuto zoherezwe hanze y'igihugu

Article 4: Requirements for export of seeds

Article 4: Conditions requises pour l'exportation de semences

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kohereza imbuto hanze y'u Rwamda

Article 5: Modalities for the export of seeds from Rwanda

Article 5: Modalités d'exportation de semences du Rwanda

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 6: Repealing provision

Article 6: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/11.30 RYO KU WA 11/04/2017 RIGENA IBISABWA UMUNTU KUGIRA NGO AHABWE URUHUSHYA RWO KWINJIZA MU GIHUGU NO KOHEREZA MU MAHANGA IMBUTO

MINISTERIAL ORDER N° 007/11.30 OF 11/04/2017 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR A PERSON TO BE GRANTED A LICENSE FOR IMPORTING AND EXPORTING SEEDS

ARRETE MINISTERIEL N° 007/11.30 DU 11/04/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR QU'UNE PERSONNE SOIT OCTROYEE UNE LICENCE D'IMPORTATION ET D'EXPORTATION DE SEMENCES

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;

The Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 005/2016 ryo ku wa 05/04/2016 rigenga imbuto n'amoko y'ibihingwa mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13;

Pursuant to Law n° 005/2016 of 05/04/2016 governing seeds and plant varieties in Rwanda, especially in Article 13;

Vu la Loi n° 005/2016 du 05/04/2016 régissant les semences et les variétés végétales au Rwanda, spécialement en son article 13;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/02/2017 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/02/2017;

Après examen et adoption par le conseil des Ministres, en sa séance du 03/02/2017;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe uruhushya rwo kwinjiza mu gihugu no kohereza mu mahanga imbuto.

This Order determines the requirements for a person to be granted a license for importing and exporting seeds.

Le présent arrêté détermine les conditions requises pour qu'une personne soit octroyée une licence d'importation et d'exportation de semences.

Ingingo ya 2: Ibisabwa kugira ngo hinjizwe imbuto mu gihugu

Umuntu wifuza gutumiza imbuto mu gihugu agomba kuba:

- 1° yanditse nk'umucuruzi w'imbuto;
- 2° yemeza ko imbuto ari iz'ubwoko bw'igihingwa buri ku rutonde rw'Igihugu rw'amoko y'ibihingwa;
- 3° yemeza ko imbuto zujuje ubuziranenge harimo ibijyanye n'ibikoresho byo gufunyika imbuto, gufunga n'ibirango nk'uko biteganywa n'itegeko;
- 4° yasabye urwego rubifitiye ububasha agaragaza icyifuzo cyo kwinjiza izo mbuto kandi akaba yaremerewe afite n'uruhushya rwo kuzinjiza;
- 5° yemeza ko imbuto zinjiriye ku cyambu giteganyijwe;
- 6° kugaragaza uko imbuto zingana, inkomoko n'ubwoko bw'igihingwa bugiye kwinjizwa.

Article 2: Requirements for importation of seeds

A person who intends to import seeds must:

- 1° be registered as a seed dealer;
- 2° ensure that the seed is of a variety entered in the national plant variety list;
- 3° ensure that the seeds comply with the minimum seed standards including standards related to seed packaging materials, seals and labels set out in the law;
- 4° have applied to the competent authority declaring intention to import such seeds and has, with the approval of the competent authority, been issued with an import permit;
- 5° ensure that the seeds are imported through a specified port of entry;
- 6° specify the quantity, the species and the plant variety of the intended import.

Article 2: Conditions requises pour l'importation de semences

Une personne qui désire importer de semences doit:

- 1° être enregistré comme un commerçant de semences;
- 2° assurer que la semence est d'une variété inscrite dans le catalogue national des variétés végétales;
- 3° assurer que les semences sont conformes aux normes minimales de semences, y compris les normes relatives aux matériaux d'emballage des semences, scellés et les étiquettes énoncés dans la loi;
- 4° avoir présenté une demande à l'autorité compétente déclarant son intention d'importer ces semences et ayant son approbation et le permis d'importation;
- 5° assurer que la semence est importée via un port d'entrée prescrit;
- 6° préciser la quantité, les espèces et la variété végétale de l'importation envisagée.

Ingingo ya 3: Uburyo bwo kwinjiza imbuto mu gihugu

Umuntu wifuzaga kwinjiza imbuto mu gihugu agomba kuzuzwa ifishi isaba kwinjiza imbuto yabugenewe itangwa n'urwego rubifitiye ububasha. Ubusabe kandi bugomba kuba buherekejwe n'inyandiko zikurikira:

- 1° icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera gifite agaciro n'icyemezo cy'icunga cyangwa icyemezo cy'imbuto cya COMESA gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha rw'igihugu imbuto ikomokamo cyangwa icyemezo cy'ubuziranenge cyo kongera kohereza hanze y'igihugu gitangwa n'igihugu imbuto yavuyemo;
- 2° kopi y'icyemezo cy'igeragezwa ry'imbuto gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- 3° icyemezo cyo guhungira cyangwa icyemezo cyerekana ibyakorewe imbuto mbere yo koherezwa. Icyemezo kigomba kwerekana ubwoko bw'umuti wakoreshajwe, itariki n'igihe icyo gikorwa cyamaze;
- 4° izindi nyandiko zose zisabwa ku ruhushya rwo kwinjiza imbuto mu gihugu.

Article 3: Modalities for the importation of seeds

Any person who intends to import seeds must fill an appropriate form provided by the competent authority requesting for importation of the seeds. The application must also be accompanied by the following documents:

- 1° a valid phytosanitary certificate and orange certificate or a COMESA seed certificate issued by a competent authority of the country of origin of the seeds or a re-export phytosanitary certificate from the exporting country;
- 2° a copy of seeds testing certificate issued by a competent authority;
- 3° a fumigation certificate or a certificate indicating the treatment given to the seeds before dispatch. The certificate must indicate the type of chemical used, the date and the duration of treatment;
- 4° all other required documents for the seeds import permit.

Article 3: Modalités d'importation de semences

Une personne qui désire importer les semences doit remplir un formulaire de demande fourni par l'autorité compétente requérant l'importation de semences. La demande doit aussi être accompagnée par les documents suivants:

- 1° un certificat phytosanitaire valide et le certificat orange ou le certificat de semence de COMESA délivré par l'autorité compétente du pays d'où proviennent les semences ou un certificat de réexportation phytosanitaire du pays exportateur;
- 2° une copie du certificat de test de semences délivré par une autorité compétente;
- 3° un certificat de fumigation ou un certificat indiquant le traitement donné aux semences avant l'expédition. Ce certificat doit indiquer le type de produit chimique utilisé, la date et la durée du traitement;
- 4° tous les autres documents requis sur le permis d'importation des semences dans le pays.

Ingingo ya 4: Ibisabwa kugira ngo imbuto zoherezwe hanze y'igihugu

Umuntu wohereza imbuto hanze y'igihugu agomba:

- 1° kuba afite uruhushya rwanditse rw'urwego rubifitiye ububasha;
- 2° kuzuza inyandiko itegezwe kandi akishyura amafaranga ategazwe hubahirijwe ibisabwa muri iri teka;
- 3° kumenya niba imbuto zujuje ubuziranenge bw'imbuto bwo mu karere;
- 4° kureba niba imbuto zagenzuwe n'urwego rubifitiye ububasha kugira ngo hubahirizwe ubuziranenge bw'imbuto n'ibimera;
- 5° gusaba urwego rubifitiye ububasha icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera;
- 6° kureba niba imbuto zipfunyitse neza kandi zifite ikirango gikwiye.

Nyuma yo gushyikirizwa ubusabe buvugwa mu gace ka 5° k'iyi ngingo, urwego rubifitiye ububasha rukora igenzura ry'imbuto kandi rukanafata ibipimongerero nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga kugira ngo bisuzumwe na laboratwari yemewe.

Article 4: Requirements for export of seeds

Any person exporting seeds must:

- 1° possess a written authorisation from the competent authority;
- 2° fill the prescribed form and pay the prescribed fees in accordance with the conditions specified in this Order;
- 3° ensure that the seeds conform to the standards of regional seeds;
- 4° ensure that the seeds are inspected by the competent authority in accordance with phytosanitary standards;
- 5° apply to the competent authority for a phytosanitary certificate;
- 6° ensure that seeds are properly packaged and labeled.

The competent authority, after receiving the application mentioned in point 5° of this law, inspects seeds and takes samples in accordance with relevant laws in order to test such samples in a recognised laboratory.

Article 4: Conditions requises pour l'exportation de semences

Une personne exportant les semences doit:

- 1° posséder une autorisation écrite de l'autorité compétente;
- 2° remplir le formulaire prescrit et payer les frais prescrits conformément aux conditions spécifiées dans le présent arrêté;
- 3° veiller à ce que les semences soient conformes aux normes standards de semences régionales;
- 4° veiller à ce que les semences soient inspectées par l'autorité compétente conformément aux normes phytosanitaires;
- 5° faire la demande d'un certificat phytosanitaire à l'autorité compétente;
- 6° veiller à ce que les semences soient bien emballées et étiquetées.

Après la réception de la demande visée au point 5° du présent article, l'autorité compétente entreprend l'inspection de semences et prélève des échantillons conformément aux lois en la matière, afin de les tester dans le laboratoire agréé.

Ingingo ya 5: Uburyo bwo kohereza imbuto hanze y'u Rwanda

Umuntu ushaka kohereza imbuto hanze y'igihugu agomba :

- 1° kuzuza ifishi isaba icyemezo cy'ubuziranenge bw'ibimera itangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- 2° gutanga inyandiko ziherekeza ubusabe zisabwa n'urwego rubifitiye ububasha zikurikira:
 - a) icyemezo cy'imbuto gifite agaciro gitangwa n'urwego rubifiye ububasha kigaragaza ko izo mbuto zubahirije amabwiriza y'ubuziranenge y'akarere;
 - b) kopi y'icyemezo cy'ihungira ry'imbuto cyangwa kopi y'icyemezo cy'ibyakorewe imbuto hagamiywe kuzifata neza, aho bishoboka;
 - c) iyindi nyandiko yose yasabwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 5: Modalities for exportation of seeds

A person who intends to export seeds must:

- 1° fill an application form provided by the competent authority requesting for a phytosanitary certificate;
- 2° provide the following accompanying documents requested by the competent authority:
 - a) a valid seed certificate issued by the competent authority to ensure that the seeds comply to the relevant regional seed standards;
 - b) a copy of a fumigation certificate of seeds or a copy of seeds treatment certificate, if applicable;
 - c) any other document that may be required by the competent authority.

Article 6: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 5: Modalités d'exportation de semences

Une personne qui a l'intention d'exporter des semences doit:

- 1° remplir un formulaire de demande fourni par l'autorité compétente pour demander un certificat phytosanitaire;
- 2° fournir en annexes les documents suivants requis par l'autorité compétente:
 - a) un certificat de semences valide délivré par l'autorité compétente assurant que les semences sont conformes aux normes standards de semences régionales;
 - b) une copie d'un certificat de fumigation de semences ou une copie de certificat de traitement de semences, le cas échéant;
 - c) tout autre document qui peut être requis par l'autorité compétente.

Article 6: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **11/04/2017**

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 7: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **11/04/2017**

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 7: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **11/04/2017**

(sé)

Dr. MUKESHIMANA Geraldine
Ministre de l'Agriculture et des Ressources
Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux